


DEREK PRINCE
MINISTRIES INTERNATIONAL

Inzandiko Zigisha

Amaraso y'Umwana w'Intama



Inzandiko Zigisha
Byanditswe na Derek Prince

Abakristo bari mu ntambara ikomeye cyane ikwiriye isanzure ryose, kuva mu ijuru kugeza ku isi. Iyo ntambara iri hagati y'Imana n'ingabo z'icyiza ku ruhande rumwe bahanganye na Satani n'ingabo z'ikibi ku rundi ruhande. Satani ni marayika mukuru, kubera ubwibone, wayoboye abamarayika be mu kwigomeka ku Mana maze ashyiraho ubwami buhanganye n'ubwayo. Ibyanditswe bimugaragaza nk'ikiyoka, inzoka, umwicanyi, umunyabinyoma n'umujura. Satani arwanya Imana, imigambi y'Imana, n'ubwoko bw'Imana, kandi mu kuturwanya afite intego eshatu: kwiba, kwica no kurimbura.

Kubwo amahirwe, inkuru nziza y’ubutumwa bwiza ni uko binyuze mu rupfu rwa Yesu ku musaraba, yatsinze Satani mu cyimbo cyacu mu buryo bubiri bw'ibanze. Ubwa mbere, yatumye bishoboka ko tubabarirwa ibyaha byacu bya kera. Ubwa kabiri, yatumye bishoboka ko duhabwa gukiranuka kw’Imana binyuze mu kwizera, tutarinze gukurikiza amategeko. Muri ubwo buryo, Yesu yambuye Satani intwaro ye ikomeye aturwanyisha, ari yo kwicira urubanza.

Intwaro z'Umwuka

Yesu kandi yashyize mu biganza byacu intwaro z'umwuka, izo dushobora kwifashisha mu gusohoza insinzi ye kuri Satani. Mu 2 Abakorinto 10:4-5 dusoma ko:

> Kuko intwaro z'intambara yacu atari iz'abantu [ntibigaragara cyangwa ngo bibe ibifatika], ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi.

Intwaro zacu z'umwuka twahawe n'Imana zifite ubushobozi buvuye ku Mana—ubihinduye ijambo ku rindi, "zifite imbaraga binyuze mu Mana." Mu gihe dukoresha izi ntwaro Imana yaduhaye, mu kwizera no kumwishingikirizaho, imbaraga z'Imana ubwayo ziba zihari ku bwacu.

Ntabwo tugomba kuba mu mwanya wo kwirwanaho mu ntambara turwana n'umwanzi, twibaza aho Satani agiye kutugabaho igitero mu kanya, ahubwo tugomba gusohoka tukagaba ibitero ku bihome bye kugira ngo tubisenyeshe intwaro zacu z'umwuka. Ntitugomba kuguma aho gusa ntacyo dukora. Dushobora gushaka kuvuga tuti: “Ndi

© 2011 - Derek Prince Ministries, International, Inc.

umunyantege nke cyane; sinkwiriye. Nabasha nte kurwana?" Ariko ni umubi ushyira ayo magambo mu ntekerezo zacu. Mu buryo bumwe, turi abanyantege nke. Ariko rero, umva aya magambo ya Pawulo ari mu 1 Abakorinto 1:27-28:

> Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyantege nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeye, kandi n'ibyoroheje byo mu isi n'ibihinyurwa n'ibitariho, Imana yarabitoranije ngo ihindure ubusa ibiriho.

Mu bwenge bwe butagira akagero, Imana yatoranyije abantu banyantege nke kandi badakwiriye nkatwe kugira ngo ikubite hasi "ibiriho": ubwami bwa Satani. Gutinyuka kwacu ntikuri muri twe ubwacu, ahubwo kuri mu ntwaro zacu.

Ese intwaro zacu z'umwuka ni izihe? Kimwe mu byanditswe kizisobanura ni Ibyahishuwe 12:10-11, gikurikira icyanditswe gisobanura Satani nk'ikiyoka n'inzoka:

> Numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti "Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo, kuko Umurezi wa bene Data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu. Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa.

Interuro y'ingenzi hano ni iyi: "Baramunesheje." Itegereze intambara itaziguye, y'imbonankubone, iri hagati y'abizera n'umwanzi. Intwaro zabo mu rugamba zari amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Byongeye kandi, Bari baritangiye urugamba n'umutima wabo wose, kugeza no ku gupfa.

Nsobanura aya magambo mu buryo bworoshye kandi bufatika: Dutsinda Satani iyo duhamije mu buryo bwite ibyo Ijambo ry'Imana rivuga ko amaraso ya Yesu adukorera. Iyo dukoresheje izi ntwaro eshatu hamwe—amaraso ya Yesu, Ijambo ry'Imana n'ubuhamya bwacu bwite— dutuma zikora neza. Ariko kugira ngo tubikore neza, tugomba kumenya icyo Ijambo ry'Imana rivuga ku maraso ya Yesu.

Umwana w'Intama wa Pasika

Muri 1 Petero 1:18-19 dusoma ngo:

> Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo

Hano Yesu agereranywa n'umwana w'intama wa Pasika.

Mu isezerano rya kera, amaraso y'umwana w'intama wa Pasika yashyirwaga ku nzu z'Abisirayeli. Umugabo nyiri urugo muri buri muryango yabagaga umwana w'intama wa Pasika, agashyira amaraso mu mbehe, maze akayakura muri iyo mbehe akayasiga ku nzu ye akoresheje igikoresho cyoroheje—umukamato wa ezobu. Yakozaga uwo mukamato wa ezobu muri ayo maraso, maze akayaminjagira ku nzu ye. Bityo rero, ezobu yari ingenzi kuko amaraso agumye mu mbehe gusa nta burinzi yatangaga. Ariko amaraso yashyirwaga ku nzu hakoreshejwe ezobu yarindaga umuryango.

Ezobu yacu ni ubuhamya bwacu. Iyo duhamya ibyo Bibiliya ivuga ko amaraso ya Yesu akora, ni nko gukura amaraso mu mbehe ukayaminjira aho akenewe—aho dutuye.

Gucungurwa no Kubabarirwa

Mu Abefeso 1:7 Pawulo avuga ngo "Ni we [Yesu] waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri". Hano Pawulo avuga ibintu bibiri duhabwa binyuze mu maraso ya Yesu: gucungurwa no kubabarirwa ibyaha. Ariko rero, kugira ngo ibi duhabwa bigire akamaro mu buzima bwacu, tugomba guhamya mu buryo bukwiriye. Ubu ni bwo butumwa buboneka muri Zaburi 107:2.

> Abacunguwe n'Uwiteka bavuge batyo, Abo yacunguye akabakura mu kuboko k'umwanzi.

Tugomba gutangaza dushize amanga tuti: "Nacunguwe mu kuboko k'umwanzi"—ni ukuvuga, kuva kuva kwa Satani.

Gucungura bishaka kuvuga "kwongera kugura." Twari abanyabyaha, twamuritswe mu isoko ry'abacakara rya Satani kugira ngo tugurwe. Ariko Yesu yinjiye muri iryo soko

ry’abacakara rya Satani, aratugura adukura mu bitwaga abo umubi akoresheje amaraso ye y’igiciro cyinshi. Uku gucungurwa dukurwa mu maboko y’umwanzi gushingiye ku kubabarirwa ibyaha byacu. Kugira ngo gucungurwa no kubabarirwa tubonera muri Kristo bigire imbaraga mu mibereho yacu rero, tugomba gukoresha ubuhamya bwacu bwite, tuvuga tuti “Binyuze mu maraso ya Yesu, ibyaha byanjye byose byarababariwe. Binyuze mu maraso ya Yesu, naracunguwe nkurwa mu maboko ya Satani.” Ubwo buhamya, iyo tubuvuze n’iminwa yacu, buba bumeze nka ezobu. Bwimurira imbaraga z’amaraso ya Yesu kuva mu rwego rw’ibishoboka zikajya mu bikorwa bifatika mu mibereho yacu ya buri munsi.

Kwezwa

Kandi nanone ikindi kintu cy'ingenzi amaraso ya Yesu aduha ni ukwezwaho ibyaha. Ubu buryo bwo kwezwaho ibyaha buvugwa muri 1 Yohana 1:7:

> Ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko na yo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose.

Niba tugendera mu mucyo, icyo gihe, ingaruka ya mbere ni ubusabane hagati yacu, naho ingaruka ya kabiri ni uko twezwa n’amaraso ya Yesu.

Inshinga zose uko ari eshatu—kugenda, kugirana ubusabane, no kwezwa—ziri mu ndagihe ikomeza. Ntibiba inshuro imwe gusa; zigomba gukomeza kubaho ubudahwema. Tugomba gukomeza kugendera mu mucyo kugira ngo dukomeze kugirana ubusabane, no kugira ngo amaraso ya Yesu akomeze kutweza.

Nubwo dushobora kuvuga ko twejejwe n'amaraso ya Yesu, niba tutujuje ibisabwa, ntituzaba twejejwe by'ukuri. Amaraso ya Yesu ntiyeza mu mwijima, ahubwo yeza gusa iyo tugendera mu mucyo. Ikizamini cya mbere cyerekana niba tugendera mu mucyo ni uko tuba dufitanye ubusabane hagati yacu na bagenzi bacu. Niba tutishimiye ubusabane bwacu n'abandi bizera ndetse n'Uwiteka, ubwo ntituri rero mu mucyo. Kandi niba tutari mu mucyo, amaraso ya Yesu ntiyaduyeza.

Ikibazo gikurikiraho rero, ni uburyo tugendera mu mucyo. Igisabwa cya mbere ni uko tugomba kugendera mu kumvira Ijambo ry'Imana. Zaburi 119:105 haravuga hati "Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye". Igisabwa cya kabiri ni uko tugomba kugirana ubusabane n'abandi.

Ibi Pawulo abivuga mu ncamake mu Abefeso 4:15 agira ati:

> Ahubwo tuvuge ukuri turi mu rukundo, dukurire muri we muri byose. Uwo ni we mutwe, ari wo Kristo.

Muri iki gice, kugendera mu mucyo bisobanurwa nko kugirana umubano n'abandi bizera mu kuri no mu rukundo. Dukwiye kuba twiteguye gushyira ukuri mu bikorwa mu mibanire yacu n'abandi, ariko tugomba kubikora mu rukundo.

Kugendera mu mucyo bigizwe n'ibikorwa biri hamwe: kugendera mu kumvira Ijambo ry'Imana, no kugendera mu kuri no mu rukundo hamwe n'abandi bizera. Iyo twujuje ibyo bisabwa, ni bwo dushobora kuvugana icyizere cyuzuye ko amaraso ya Yesu ari kutwezaho ibyaha byose.

Muri iki gihe dusobanukiwe neza kwandura kw'ikirere kidukikije. Ariko n’ikirere cy’umwuka kidukikije nacyo cyarahumanye—kubera icyaha, kwigomeka no kutubaha Imana. Kugira ngo dukomeze kuba twejejwe, dukeneye guhora twezwa n’amaraso ya Yesu.

Tumaze kwizera neza ko twujuje ibisabwa kugira ngo twezwe, tuba dufite ubushobozi bwo kwatura mu buryo bukwiriye. Ubuhamya bwacu bugomba kuba ubu: “Uko ngendera mu mucyo, amaraso ya Yesu anyezaho ibyaha byose ubu no mu buryo buhoraho.” Nitubyizera, tuzatangira gushima Imana. Kandi uko tuyishima, tuzumva tuboneye kandi twejejwe mu buryo bushya.

Gutsindishirizwa

Ikindi kintu amaraso ya Yesu aduha ni ugutsindishirizwa. Ibi bigaragara neza mu Abaroma 5:8-9:

> Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. Nkanswe none ubwo tumaze gutsindishirizwa n'amaraso ye, ntituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we?

Interuro y'ingenzi ni "gutsindishirizwa n'amaraso ye." Gutsindishiriza no Gutsindishirizwa ni amagambo y'ingenzi mu Isezerano Rishya. Gutsindishiriza ubundi bishatse kuvuga "kugira umuntu umukiranutsi, kumuhanaguraho icyaha, no kumukuraho urubanza." Igisobanuro cyiza cyane cyo kugirwa umukiranutsi nigeze numva ni iki: Binyuze mu maraso ya Yesu, naratsindishirijwe—"nk'aho ntigeze" nkora

icyaha na rimwe. Ni gute twavuga dutyo? Kubera ko twatsindishirijwe n'amaraso ya Yesu, twakiriye gukiranuka kwa Yesu Kristo, atari ukwacu bwite—kandi Yesu Kristo ntiyigeze akora icyaha na rimwe.

Mu 2 Abakorinto 5:21 Pawulo aravuga ati:

> kuko Utigeze kumenya icyaha [Yesu] Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.

Itegereze iri gurana. Ku musaraba, Yesu yahinduwe icyaha n'ibyaha byacu, yakira igihano n'urubanza rw'ibyaha byacu, maze yishyura ikiguzi cyose cyo gucungurwa binyuze mu kumena amaraso ye bwite. Muri we duhinduka gukiranuka kw'Imana—atari ugukiranuka kwacu cyangwa ubundi bwoko bwose bwa gukiranuka kwa muntu, ahubwo gukiranuka kw'Imana ubwayo. Imana ntiyigeze imenya icyaha. Ntiyigeze yanduzwa n'icyaha. Nguko gukiranuka duhabwa binyuze mu kwizera amaraso ya Yesu. Binyuze mu maraso ya Yesu rero, ndatsindishirizwa, ngirwa umukiranutsi binyuze mu gukiranuka kw'Imana. Mpinduka nk'aho ntigeze nkora icyaha.

Iki rero, ni cyo gisubizo ku birego bya Satani aturega. Kuki aturega? Ni uko ashaka kugaragaza ko duhamwa n'icyaha. Ni yo mpamvu ubuhamya bw'ibanze butsinda ibirego bya Satani ari ubu: “Binyuze mu maraso ya Yesu, naratsindishirijwe, mbarwa nk’aho ntigeze nkora icyaha.” Ku bw’iyo mpamvu, nshobora guhagarara imbere y’Imana nta soni cyangwa ubwoba, kandi nshobora gusubiza Satani nshize amanga rwose nti: “Satani, ni iby'ubusa kundega, kuko ndahuye nawe mu gukiranuka kwanjye bwite. Mpuye nawe mu gukiranuka kw’Imana kutagira inenge, kutagira icyaha, kandi kutagira ikizinga.”

Kwezwa

Ikindi gikurikira duhabwa n'amaraso ya Yesu ni ukwezwa. Kwezwa bisobanura "guhindura ikintu icyera," kandi guhindura ikintu icyera bisobanura "gutoranyiriza ikintu cyangwa umuntu Imana." Umuntu wera ni umuntu watoranyirijwe Imana. Abaheburayo 13:12 haravuga ngo:

> Ni cyo cyatumye na Yesu ababarizwa inyuma y'irembo, kugira ngo yejeshe abantu amaraso ye.

Mu yandi magambo, yabambiwe inyuma y’umurwa kugira ngo yeze abantu binyuze mu maraso ye bwite.

Gukoresha amaraso mu kwezwa bigaragara neza muri Pasika. Amaraso y'umwana w'intama wa Pasika yatandukanyije Isirayeli iyegurira Imana mu buryo bwihariye. Mu Kuva 11:4-7 umugambi w'Imana wo gutoranya Abisirayeli urahishurwa:

> Mose aravuga ati “Uwiteka aravuze ati ‘Nko mu gicuku nzanyura hagati mu Egiputa, abana b'impfura bose bo mu gihugu cya Egiputa bapfe, uhereye ku mpfura ya Farawo wicara ku ntebe y'ubwami ukageza ku mpfura y'umuja w'umusyi, kandi n'uburiza bwose bw'amatungo buzapfa. Hazaba umuborogo mwinshi mu gihugu cya Egiputa cyose utigeze kubaho, kandi ntihazongera kuba nk'uwo. Ariko mu Bisirayeli nta n'umwe imbwa izamokera, mu bantu cyangwa mu matungo, kugira ngo mumenye uko Uwiteka yatandukanije Abanyegiputa n'Abisirayeli.

Uwiteka yashyizeho itandukaniro hagati y'abari abantu be n'abatari abantu be. Uburakari n'urubanza byageze ku batari abantu b'Imana, ariko abantu b'Imana barinzwe mu buryo bwuzuye ku buryo n'imbwa itashoboraga kubamokera. Ishingiro ry'iryo tandukaniro, uko gutandukanywa, ryari amaraso y'umwana w'intama wa Pasika. Urugo rwose rwari ruriho amaraso inyuma rwarejejwe, cyangwa rwatoranyirijwe Imana. Nta mbaraga y'ikibi yashoboraga gutera urwo rugo kuko Uwiteka yari yashyizeho itandukaniro hagati y'abantu be n'abatari abantu be. Itandukaniro ryakozwe n'amaraso y'umwana w'intama yashyizweho.

Nk'uko twakoresheje ibindi twahawe binyuze mu maraso ya Yesu mu gutanga ubuhamya bukwiye, dushobora gukoresha ibyo twahawe byo kwezwa muri aya magambo: “Binyuze mu maraso ya Yesu, ndezwa, ngirwa uwera, ntoranyirizwa Imana. Satani nta mwanya amfiteho, nta bubasha amfiteho, nta n'umwenda anyishyuza. Byose byakemuwe n'amaraso ya Yesu.

Kwinginga kudahwema

Hariho ikindi kintu cy'agaciro kenshi duhabwa binyuze mu maraso ya Yesu, kimwe Abakristo benshi batazi. Abaheburayo 12:22, 24 haravuga hati:

> Ahubwo [Abizera bose b'ukuri] mwegereye umusozi wa Siyoni ...mwegereye n'amaraso aminjagirwa, avuga ibyiza kurusha aya Abeli.

Mu Musozi wa Siyoni wo mu ijuru, amaraso ya Yesu yaminjagiwe Ahera h'ahera, imbere y'Imana ubwayo, ku bwacu. Yinjiye yo nk'integuza yacu, amaze kubona gucungurwa kw'iteka binyuze mu gitambo cye, maze aminjagira ikimenyetso cy'uko gucungurwa imbere y'Imana Data Ishoborabyose ubwayo.

Dukwiye kubona itandukaniro rikomeye hano. Mu ntangiriro mu mateka, Kayini yishe mwene se Abeli. Hanyuma agerageza kwihakana icyaha, ariko Uwiteka ahinyuza Kayini Aramubaza ati "Icyo wakoze icyo ni iki? Ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakirira ku butaka." (reba Itangiriro 4:10). Ibinyuranye n'ibyo, amaraso ya Yesu yaminjagiwe mu ijuru arataka, adasaba guhorerwa, ahubwo asaba imbabazi. Ayo maraso ni ubwinginzi buhoraho imbere y'Imana ubwayo asaba imbabazi zayo.

Igihe tumaze guhamya ku giti cyacu imbaraga z'amaraso ya Yesu, ntabwo biba ngombwa ko dusubiramo ayo magambo buri kanya, kuko amaraso ya Yesu avuga iteka ryose mu cyimbo cyacu imbere y'Imana ubwayo. Igihe cyose duhangayitse, tugeragezwa, dufite ubwoba cyangwa dufite impungenge, tugomba kwiyibutsa tuti: "Amaraso ya Yesu ari kuvuga imbere y'Imana mu cyimbo cyanjye ubu ngubu."

Mu ntambara yacu na Satani, tugomba gutera intambwe dushize amanga mu kwizera kugira ngo tugabe igitero. Yesu yaduhaye intwaro ari zo maraso ye, Ijambo, n'ubuhamya bwacu; kandi ubuhamya bwacu bwite ni rwo rufunguzo rwo gukoresha izo ntwaro zindi ebyiri.

Amaraso ya Yesu yateganyije gucungurwa, kubabarirwa ibyaha, kuhagirwa, gutsindishirizwa, kwezwa, no kwinginga ku bwacu. Binyuze mu guhamya ku giti cyacu ibyo Ijambo ry'Imana rivuga ku maraso ya Yesu, dushobora gushyira mu bikorwa ibyo twateganyirijwe mu mibereho yacu. Muri ubwo buryo, Satani anyagwa intwaro ye y'ingenzi akoresha aturwanya—ari yo kwicira urubanza—kandi dushobozwa kubaho mu ntsinzi Kristo yagezeho kera ku musaraba.

© 2011 - Derek Prince Ministries, International, Inc.

Inzandiko Zigisha

Inyandiko: TL-L080-100-KIN
Biherutse Kuvugururwa: 24 Nov 2026
Urubuga: Derekprince.com/rw/resources



© 2011 - Derek Prince Ministries, International, Inc.